

## HEALTHY BIRTH DAY, INC.

(izwi nka COUNT THE KICKS)

### AMASEZERANO AGENGA IMIKORESHEREZE

Guhera kuwa 9 Nyakanga 2018.

#### Intangiriro

Intego ya 501(c) (3) y'umuryango udaharanira inyungu Healthy Birth Day, Inc. ni ukugabanya cyane umubare w'abana bapfa bataravuka binyuze mu bukangurambaga bwa Count the Kicks ku buzima bw'abatwariye. Count the Kicks yigisha abanda kuba ababyeyi akamara, n'uburyo bwo, gukurikirana ibikorwa by'umwana uri mu nda mu gihembwe cya gatatu. Abagore batwariye bafite ubushobozi bwo gutabara ubuzima bw'abana babo bamenya ibikorwa by'umwana kandi bakagira umuhate wo kubwira muganga mu gihe bumvise impinduka. Amabwiriza akurikira azagenga imikoranire yawe na Kubara Kicks Porogaramu.

#### Kwemera Amasezerano Agenga Imikoreshereze

Aya masezerano agenda imikoreshereje ashyizweho hagati Yawe n'Ikigo, amashami yacyo n'abafatanyabikorwa ("**Ikigo**" cyangwa "**twe**" cyangwa "**twebwe**"). Amategeko n'amabwiriza akurikira, hamwe n'inyandiko zose byifashishwa (hamwe, aya "**Masezerano y'Imikoreshereze**"), agenga uburyo bwo kwinjira no gukoresha porogaramu yacu ya Count the Kicks ("**Porogaramu**" yacu) yaba ibirimo byose, imikorere ndetse na serivisi zitangwa kuri cyangwa binyuze muri Porogaramu cya urubuga rwa Kicks, [www.countthekicks.org](http://www.countthekicks.org).

Soma Amasezerano y'Imikoreshereze witonze mbere yo gutangira gukoresha Porogaramu. Ukoresheje Porogaramu cyangwa ukanze kugira ngo wakire cyangwa wemere Amasezerano agenga Imikoreshereze mu gihe uhawe aya mahitamo, wakira kandi wemera kugengwa no kubahiriza aya Masezerano agenga Imikoreshereze hamwe na Polisi yacu yo Kugira Ibanga, [byashyizwe hano](#), muri iyi nyandiko. Niba utifuza kwemera aya Mategeko agenga Imikoreshereze cyangwa Politiki yo Kugira Ibanga, ntugomba kwinjira cyangwa gukoresha iyi Porogaramu.

Iyi Porogaramu ihabwa kandi iboneka ku bakoresha imbuza za interineti bafite imyaka 16 cyangwa irenga. Ukoresheje iyi Porogaramu, uhagarariye kandi wemeza ko wujuje ibisabwa byose byavuzwe haruguru. Niba utujuje ibyo bisabwa byose, ntugomba kwinjira cyangwa gukoresha Porogaramu.

Kubera impamvu z'Amategeko Rusange y'Uburenganzira ku Makurushingiro, Umugenzi w'Amakuru n'Uhagarariye Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'Uburayi ni Umugenzi w'Ubuziranenge wa West Des Moines, Iowa, ashobora kuboneka ku mwirondoro wanditse hepfo.

Muri aya Masezerano agenga Imikoreshereze dukoresha ijamba "**Ibihugu Byagenwe**" dushaka kuvuga ibihugu bigize Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'Uburayi (EU), Agace k'Ubukungu k'Uburayi (EEA), n'Ubusuwisi. Niba utuye mu Bihugu Byagenwe, ufite uburenganzira bw'ingeri nyinshi gushaka ko umenya. Ubwo burenganzira bwerekana hagendewe ko Bihugu Byagenwe aho bishoboka.

#### Impinduka ku Masezerano agenga Imikoreshereze

Dushobora gusubiramo no kuvugurura aya Masezerano agenga Imikoreshereze yo gukoresha buri gihe ku bushake bwacu. Impinduka zose zubahirizwa ako kanya zigishyirwa ku mugaragararo ku Rubuga kugira

ngo byorohe kwinjira no kurukoresha. Mu gihe hari impinduka zibaye kuri aya Masezerano agenga Imikoreshereze, tukumenyesha binyuze ku Rubuga rwacu na

#2970591 v.2

Porogaramu, cyangwa ubundi buryo, kugira ngo uhabwe amahirwe yo gusuzuma impinduka mbere yuko zishyirwa mu bikorwa.

Gukomeza gukoresha Porogaramu nyuma yo gutangaza Amasezerano agenga Imikoreshereze bisobanuye ko wakiye kandi wemera izo impinduka. Ugomba kujya usura iyi page buri gihe kugira ngo umenye impinduka zose, kuko zikureba.

## **Inshingano**

Dore amasezerano amwe n'amwe udusezeranya mu kwemera aya Masezerano agenga Imikoreshereze:

## **Konti yawe**

Niba uhisemo gufungura Konti muri Porogaramu yacu, wemera ibi bikurikira:

- Kugira ibanga ijamba ry'ibanga ryawe.
- Kudaha undi muntu uwo ari we wese Konti yawe no gukurikiza amategeko yacu, arimo ariko atagarukira kuri aya Mabwiriza agenga Imikoreshereze na Politiki yo Kugira Ibanga yacu, n'itegeko.
- Kurebwa n'ikintu cyose kiba binyuze muri Konti yawe cyeretse mu gihe wuyifunze cyangwa wayitanzeho raporo y'imikoreshereze mibi.
- Kwemera ko amakuru atangwa muri Porogaramu agamije kwigisha gusa kandi atabereyeho gukoreshwa mu gusuzuma cyangwa kuvura. Imikoreshereze y'aya makuru igomba gushingira ku mabwiriza uhabwa n'ushinzwe kuguha serivisi z'ubuvuzi.

## **Amatangazo n'ubutumwa**

Mu gihe winjiye muri Porogaramu yacu, wemera ibi bikurikira:

- Utwemerera kuguha amatangazo n'ubutumwa bijyanye na porogaramu cyangwa serivisi zacu. Mu gihe umwirondo utagikoreshwa, ushobora kubura amatangazo y'ingenzi.
- Wemera ko tuzaguhaha amatangazo n'ubutumwa mu buryo bukurikira: (1) muri Porogaramu, cyangwa (2) bukoherewe ku mwirondoro waduhaye (urugero, imeyili, nimeru igendanwa, aderesi ifatika). Wemera gukomeza kugenzura umwirondoro wawe ugahora ujyanye n'igihe.
- Wemera ko Healthy Birth Day, Inc., hamwe gahunda yo bwo gukumira imfu z'abana bapfa bakiri mu nda no kurwana ku mpinja, ishobora gukoresha konti yawe ya kick mu makurushingiro y'ubushakashatsi, gusuzuma cyangwa inyigo zigamije kuzamura gahunda zacu no kunoza imikorere.

## **Uburenganzira n'Aho bugarukira**

### **Ufite uburenganzira ku makuru yawe**

Ufite uburenganzira ku bikubiyemo byose, ibitekerezo, n'amakuru yihariye uduha. Twubahiriza amahitamo yawe ku bijyanye n'imikoreshereze y'amakuru yawe. Wowe n'Ikigo mwemera ko niba hari amakurushingiro yawe bwite arimo, hagomba gukurikizwa Politiki yo Kugira Ibanga yacu.

Wowe n'Ikigo mwemera ko dushobora kwinjira, kubika, gutunganya no gukoresha amakuru ayo ari yo yose hamwe n'amakurushingiro yawe bwite watanze hashingiwe ku Masezerano agenga Imikoreshereze na Politiki yo Kugira Ibanga yacu.

Wemera gutanga gusa amakuru atanyuranyije n'amategeko cyangwa ngo abangamire uburenganzira bw'uwo ari we wese (harimo n'uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge). Wemera kandi ko amakuru utanga ari ukuri. Ikigo girashobora gusabwa n'amategeko gukuraho amwe mu makuru.

### **Ibindi Birimo, Imbuga na Porogaramu**

Ukoresheje Porogaramu cyangwa serivisi zacu, ushobora guhura n'ibirimo cyangwa amakuru ashobora kuba atariyo, atuzuye, yatinze, ayobya, atemewe n'amategeko, yibasira umuntu cyangwa yangiza. Ntidushobora guhora dukumira ikoreshwa nabi rya serivisi zacu, kandi wemera ko tutaryozwa amakosa ayo ari yo yose.

Ufite inshingano zo guhitamo niba ushaka kwinjira cyangwa gukoresha izindi porogaramu cyangwa imbuga zifite ihuza ku Rubuga cyangwa serivisi byacu. Niba wemeye indi porogaramu cyangwa urundi rubuga kwemeza ko ari wowe koko, iyo porogaramu cyangwa urubuga bishobora kwinjira mu makuru ajyanye nawe. Izindi porogaramu n'imbuga za interineti zifite amategeko na na politiki yo kugira ibanga byazo, kandi ushobora guha abandi uruhushya rwo gukoresha amakuru yawe mu buryo twe tutakora. Usibye ahantu hacye hashobora kugenwa n'itegeko, Ikigo ntabwo gishinzwe imikoreshereze y'izindi mbuga na porogaramu—bikoreshe mu gihe uzi ko wirengera ingaruka. Reba Politiki yo Kugira Ibanga yacu.

### **Aho uburenganzira bugarukira**

Ikigo gifite uburenganzira bwo kukugabanyiriza imikoreshereze ya Porogaramu cyangwa serivisi zacu, harimo umubare w'abo muvugana. Ikigo gifite uburenganzira bwo kugabanya, guhagarika, cyangwa guhagarika Konti yawe niba Ikigo cyabonye ko warenze ku Masezerano agenga Imikoreshereze, Politiki yo Kugira Ibanga, cyangwa amategeko cyangwa wakoresheje nabi Urubuga cyangwa serivisi zacu.

### **Uburenganzira ku Mutungo Bwite mu by'Ubwenge**

Ikigo gifite uburenganzira bw'umutungo bwite mu by'ubwenge bwose kuri Porogaramu na serivisi. Gukoresha Porogaramu cyangwa serivisi ntibiguha uburenganzira muri serivisi zacu cyangwa ibikubiyemo cyangwa amakuru yatanze binyuze muri porogaramu cyangwa serivisi. Ibirango n'ibirango bikoresheje bijyanye na Porogaramu cyangwa serivisi ni ibimenyetso bya ba nyirabyo.

### **Gutunganya byikora**

Tuzakoresha amakuru n'amakurushingiro utanga n'ayo tukubonaho mu kukugira inama zijyanye n'ihuza, ibirimo n'ibiranga bishobora kukugirira akamaro. Urugero, dushobora gukoresha amakuru n'amakurushingiro akwerekeye kugira ngo tukugire inama zijyanye n'ibicuruzwa. Cunga ko amakuru yawe ari yo kugira ngo udufashe kukugira inama nyazo kandi zikwiye.

### **Kwisegura n'aho Inshingano Zigarukira**

#### **Nta Garanti**

KU KIGERO CYEMWE MU MATEGEKO, IKIGO N'IBIGO BIGISHAMIKIYEHO (NDETSE N'ABAKORANA N'IKIGO MU GUTANGA SERIVISI) (A) KWISEGURA KURI GARANTI ZOSE NO GUHAGARARIRWA KOSE (URUGERO: GARANTI Y'UBUCURUZI, GUHUZA KU MPAMVU ZIHARIYE, UKURI KW'AMAKURUSHINGIRO, NO KUTAVOGERA UBURENGANZIRA.); (B)

NTITWEMEZA KO SERIVISI ZIZATANGWA NTA KIZIVANGIYE CYANGWA NGO HABE AMAKOSA, KANDI (C) GUTANGA SERIVISI (HARIMO IBIRI MURI POROGARAMU N'AMAKURU) UKO "IRI" KANDI "IBONEKA".

AMWE MU MATEGEKO NTIYEMERA BIMWE MU BYO TWISEGURAHU, BITYO BIMWE CYANGWA IBYO TWISEGUYEHO BYOSE BISHOBORA KUDAKORESHA KURI WOVE.

### **Gukuraho Inshingano**

MU BURYO BWEMEWE N'AMATEGEKO (CYERETSE IKIGO CYINJIYE MU YANDI MASEZERANO YANDITSE), IKIGO N'IBIGO BIGISHAMIKIYEHO (N'ABANDI BANTU IKIGO GIKORANA NA BO) NTIBABAZWA NAWA CYANGWA ABANDI IBYANGIRITSE MU BURYO BUTAZIGUYE, BW'IMPANUKA, BWHARIYE, BW'INGARUKA CYANGWA BW'IGIHANO, CYANGWA KUBURA UKO ARI KO KOSE AMAKURUSHINGIRO, AMAHIRWE, ICYUBAHIRO, INYUNGU, BIJYANYE NA SERIVISI (URUGERO: IMVUGO YIBASIRA CYANGWA ISEBANYA, IKIRUHUKO CYANGWA IGIHOMBO, CYANGWA IMPINDUKA KU, MAKURU CYANGWA AMAKURUSHINGIRO).

NTA GIHE NA KIMWE INSHINGANO Z'IKIGO N'IBIGO BISHAMIKIYEHO (N'ABANDI IKIGO GIKORANA NA BO MU GUTANGA SERIVISI) ZIZARENGA, IGITERANYO CY'IBIBAZO BYOSE, AMAFARANGA ARI MUNSI YA (A) INSHURO ESHANU MU KWEZI GUHERUKA CYANGWA AMAFARANGA Y'UMWAKA WISHYUYE KURI SERIVISI, NIBA IHARI, CYANGWA (B) \$ 1000 USD.

AHO INSHINGANO IZI INSHINGANO ZIGARUKIRA NI KIMWE MU BISHINGIRWAHO MU KUGANIRA HAGATI YAWA N'IKIGO KANDI BIZIFASHISHWA MU BIREGO BY'INSHINGANO (URUGERO: GARANTI, ICYAHA, KUTITA KU BINTU, KONTARO, AMATEGEKO) KANDI NUBWO IKIGO CYANGWA IBIGO BIGISHAMIKIYEHOBWIRWA UBURYO BUSHOBOKA BW'ICYANGIJWE ICYO ARI CYO CYOSE, NDETSE NUBWO IBISUBIZO BYAKWANGA GUHUZA N'INTEGO YABO Y'INGENZI.

AMWE MU MATEGEKO NTIYEMERA AHO INSHINGANO ZIGARUKIRA CYANGWA GUKURAHU INSHINGANO, BITYO IBI BISHOBORA KUBA BITAKUREBA WOVE.

### **Gusesa amazerano**

Wowe n'Ikigo mushobora guhagarika ibyo mwemeranyijeho biri muri aya Masezerano agenga Imikoreshereze igihe icyo aricyo cyose umwe abimenyesheje undi. Mu gusesa amasezerano, utakaza uburenganzira bwo kwinjira muri cyangwa gukoresha serivisi. Ibikurikira ntibizakorwaho no gusesa amasezerano:

- Uburenganzira bwacu bwo gukoresha no gutangaza ibitekerezo byawe;
- Ibice bikurikira by'aya Masezerano agenga Imikoreshereze: Kwisegura n'aho inshingano zigarukira; Itegeko Rikurikizwa no Gukemura Amakimbirane; n'Amasezerano Rusange;
- Amafaranga ayo ari yo yose uruhande rumwe ruberewemo akomeza kugumaho na nyuma yo gusesa amasezerano.

Niba warafunguye Konti, ushobora kutumenyesha ukoresheje Umwirondoro wacu uri hepfo ugafunga Konti yawe.

### **Itegeko Rikurikizwa no Gukemura Amakimbirane**

Mu buryo budasanze dushobora kwisanga mu mpaka zikeneye amategeko, Ikigo na we mwemera gubicyemurira mu rukiko rwa Iowa, cyangwa urukiko rwa Leta Zunze Ubumwe z’Amerika hakoreshjwe amategeko ya Leta Zunze Ubumwe z’Amerika.

### **Amagambo Rusange**

Niba urukiko rufite ububasha kuri aya Masezerano agenga Imikoreshereze rusanze igice icyo ari cyo cyose kitubahirizwa, wowe natwe twemera ko urukiko rushobora guhindura amasezerano kugira ngo icyo gice gikurikizwe mu gihe turi kugera ku ntego zacyo. Niba urukiko rudashobora gukora ibyo, wowe natwe twemera gusaba urukiko gukuraho icyo gice kitubahirizwa kandi tugakomeza kubahiriza andi Masezerano agenga Imikoreshereze.

Niba ntacyo dukoze kugira ngo dushyire mu bikorwa aya mabwiriza yo gukoresha, ntibisobanuye ko twakuyeho uburenganzira bwacu bwo kubahiriza aya Masezerano agenga Imikoreshereze. Ntushobora kugenera cyangwa kwimura uburenganzira bwawe buri muri aya Masezerano agenga Imikoreshereze ku muntu uwo ari we wese hatabayeho kubihirwa uruhushya. Ariko, wemera ko dushobora guha uburenganzira bwacu hakurikijwe aya mabwiriza agenga amashami yacu cyangwa ishyaka rigura Ikigo utabanje kubihirwa uruhushya. Nta bandi bantu bagira inyungu muri aya Masezerano agenga Imikoreshereze.

Uremera ko inzira yonyine yo kuduha ubutumwa ari iri muri aderesi yatwanzwe mu gice “cy’Umwirondoro” hepfo.

### **Umwirondoro**

Ibibazo byose, ibitekerezo n’ibyifuzo bijyanye aya Masezerano agenga Imikoreshereze binyuzwa kuri:

Healthy Birth Day, Inc.  
Attn: CEO  
1820 N.W 118th St., Clive, IA 50325 USA  
515-650-8685  
info@countthekicks.org

Ku mpamvu z’Amabwiriza Rusange yo Kurinda Amakurushingiro, abatuye mu Bihugu Byagenwe bashobora kuvugana n’uhagarariye Umuryango w’Ubumwe bw’ibihugu by’Uburayi bakamugezaho ibibazo byose, ibitekerezo n’ibyifuzo bijyanye n’aya Masezerano agenga Imikoreshereze:

Ascenditure, Ltd.  
Attn: Count the Kicks App Developer  
300 W. Arroyo St., Reno NV 89509  
775-737-1988  
Chris@ascenditure.co